RWANDAN DIASPORA GLOBAL NETWORK

Diaspora Nyarwanda mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 15 Genocide yakorewe Abatutsi, bafasha Abacitse kw'icumu batishoboye

"Diaspora One Dollar Campaign for Genocide Survivors"

Tariki ya 07 Mata 2009 ni umunsi mu Rwanda no kw'isi yose hazibukwa ku nshuro ya 15 Genocide yakorewe abatutsi (www.rwanda15.org). Nkuko bisanzwe, Diaspora nyarwanda ituye hirya no hino kw'isi yose ifatanije n'inshuti z'u Rwanda zose nabo bazifatanya n'imbaga y' abanyarwanda *kwibuka Genocide barwanya ipfobya n'ihakana ryayo kandi bubaka igihugu cy'u Rwanda* , nkuko bisabwa mu nsanganyamatsiko yatoranijwe uyu mwaka [1].

Gahunda y'ibikorwa bijyanye n'icyunamo bizakorwa hanze muri Diaspora ni byinshi: amasengesho, inama n'ibiganiro-mpaka, gutanga ubuhamya, kumurika amashusho (exhibitions) no kwereka filme , gusohora inyandiko, gutegura ingendo n'ibitaramo n'ibindi....

Agashya ariko muri izo gahunda zose, ni uko zizajya zijyana n'igikorwa cyihariye cyiswe "One Dollar Campaign for Genocide Survivors".

"Diaspora One Dollar Campaign for Genocide Survivors" ni umushinga watekerejwe na Diaspora Nyarwanda ituye hirya no hino kw'isi ku bufatanye n'Ubuyobozi bukuru bushinzwe Diaspora muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga (www.minaffet.gov.rw), uwo mushinga ukazakorwa mu gihe cyíminsi 100 y'icyunamo. Uwo mushinga urasaba Abagore n'abagabo, abato n'abakuru bose babarizwa muri Diaspora hamwe n'inshuti z'u Rwanda zose, kuzakora igikorwa gifatika kigararagara cyo gufasha Abacitse kw'icumu batishoboye, batanga inkunga y'amafaranga buri wese uko yishoboye, nibura amafaranga atari munsi y'idolari rimwe (one US Dollar) kuri buri muntu. Idolari rimwe (1 $) niryo ryatoranijwe kubera ko ari amafaranga make buri wese yabona bitaruhanije! Ikigamijwe ntabwo ari ugusabiriza inkunga, ahubwo ni ukugira ngo buri wese yifatanye n'Abacitse

[1] Insanganyamatsiko y'uyu mwaka: "*Twibuke Genocide yakorewe Abatutsi, turwanya ifpobya n'ihakana ryayo, twubaka igihugu cyacu"*

kw'icumu batishoboye, azirikana ubuzima n'imibereho ibabaje babayeho nyuma y'imyaka 15 ishize. Ni no kugira ngo buri wese yumve ko ubuzima n'imibereho yabo bana imureba!

Mu mwiherero wa Diaspora (Diaspora 2008 Retreat) wabereye i Kigali tariki ya 20 na 21 Ukuboza 2008, Abagize Diaspora basuzumiye hamwe uwo mushinga, bunganiwe n'Ubuyobozi Bukuru bwa komisiyo y'Igihugu yo kurwanya Genocide (www.cnlg.gov.rw), barawemeza biyemeza kuwugira uwabo mu kuzawushyira mu bikorwa.

Muri urwo rwego, hatangijwe Konti yihariye yiswe "Agaseke, Diaspora One Dollar Campaign", yafunguwe mu Rwanda muri Banque de KIGALI kuri Konti zifite Nimero zikurikira: **O40-0292514-92 (FRW), 040-0292515-93 (USD), 040-0292598-79 (EURO), Swift BKIG RW RW. H**ari n'indi Konti yafunguwe muri **Banki y'Abaturage (Union des Banques Populaires) ifite Nimero 408-230155011.**

Hafunguwe kandi Konti muri **FORTIS Bank mu Bubiligi ifite Nimero 001-5793091-36, IBAN: BE46 001-5793091-36, BIC: GEBABEBB** izakoreshwa ku bazifuza gukoresha Internet.

Hazafungurwa n'izindi Konti mu bihugu byo hanze ahari Ambasade na consulats z'u Rwanda ku bufatanye n'Associations za Diaspora, ikazakoreshwa mu koherezwaho amafaranga azasarurwa muri iyo One dollar campaign. Mu gihe kitarambiranye, izo nimero za Konti zizatangarizwa buri wese!

ICYO AYO MAFARANGA AZAKORESHWA

Inkunga y'amafaranga azasarurwa muri iyo campaign hemejwe ko azakoreshwa mu kubakira icumbi Abanyeshuri b'imfubyi batishoboye batagira aho bataha mu biruhuko, ubu umushinga wo kubaka iryo cumbi (hostel) uriho urakorerwa inyigo inonosoye, uri hafi kurangira. Hakozwe film documentaire igaragaza imibereho ya buri munsi yabo bana. Biteye agahinda kubona, iyo ibiruhuko bigeze, abo banyeshuri batagira aho bataha, bahitamo gusigara ku bigo byabo bigaho, abandi batabishoboye bakamangamanga bashakisha abagiraneza babacumbikira. Hariho n'abajya kwirwaza mu bitaro by'abarwayi cg gusaba akazi ko mu rugo kugira ngo babone amaramuko!!.

Imiryango iharanira inyungu z'Abacitse kw'icumu batishoboye nka IBUKA, AVEGA, AERG, ifatanije na CNLG bakomeje gukorera ubuvugizi by'umwihariko abo bana. Iyo miryango yakiriye neza uwo mushinga wa Diaspora nyarwanda, yiyemeza kuwushyigikira byimazeyo, ku buryo biyemeje ko iyo campaign igomba no gukorwa mu Rwanda.

Mu minsi mike ibindi bisobanuro birambuye bijyanye n'igikorwa cya One Dollar Campaign bizashyirwa kuri website yayo yihariye: www.1dollarcampaign.org

Mushimiwe mwese inkunga yanyu, kuko muzahindura imibereho mibi abana bacitse kw'icumu batishoboye babayeho, mukayigira myiza.

Murakoze